ITANGAZO RIJYANYE NO GUKORESHA IBIRANGO BYO KWIBUKA

Nyuma yo kubona ko ibigo byinshi by'abikorera byagiye bikora banderoles zakoreshejwe mu Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi bikazikora mu buryo bwo kwamamaza kandi bitemewe mu bikorwa byo kwibuka;

Ishingiye ku nama yagiranye n'inzego za Leta, ibigo byayo n'iby'abikorera ku itariki ya 08 Werurwe 2019 mu byo basobanuriwe hakaba harimo uburyo bwo gukoresha ibirango byo kwibuka ndetse ibyo birango bikaba byarashyizwe kuri websites ebyiri: iya Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (www.cnlg.gov.rw) ndetse n'iyo Kwibuka (www.kwibuka.rw) nk'uko babisobanuriwe muri iyo nama;

Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside iributsa abakoresha ibirango byo Kwibuka ko ibara ryo kwibuka ari ibara ry'ivu (gris/grey) bakaba batemerewe gukoresha andi mabara bashatse yose.

Iributsa kandi ko mu gihe ibigo byifuza gukoresha banderoles ziriho ibirango by'ibigo biri kumwe n'ikirango cyo kwibuka bitagomba guvanga kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi no kwamamaza ibyo ibigo bikora. Ikirango cy'ikigo ni cyo cyonyine cyemewe kuba cyashyirwaho kandi na cyo kigakurikiza amabwiriza yatanzwe nk'uko bigaragara kuri websites zavuzwe haruguru ndetse no ku bishushanyo bikurikira :

COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

23 AVR 2019

Mu gihe ikirango cyo Kwibuka gikoreshejwe gitambitse

Mu gihe ikirango cyo Kwibuka gikoreshejwe gihagaze

23 AVR 2019

COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE